Repubulika y'u Rwanda

Inama y'Igihugu y'Abagore

# RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 20 22-2023

**Kanama, 2023**



**Website:** www.cnf.gov.r w **E-mail:** info@cnf.gov.rw **Twitter:** @RwandaWomen **Toll Free**: 9059

## INTANGIRIRO

Inama y'Igihugu y'Abagore igenwa n'Itegeko nº 02/2011 ryo ku wa 10/02/2011
ari na ryo rigena imiterere, inshingano n'imikorere byayo. Ibikorwa by'Inama y'Igihugu y'abagore bishingiye ku nkingi za guverinoma, ku ntego no ku nshingano z'Inama y'Igihugu y'abagore. Muri izo nshingano harimo:

- Kubaka ubushobozi bw'abagore no guharanira ko umugore agira uruhare mu iterambere ry'Igihugu binyuze mu buvugizi n'ubukangurambaga;
- Gutoza abagore kugira uruhare muri gahunda z'iterambere ry'Igihugu;
- Guharanira uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore;
- Gukora ubuvugizi ku bibazo by'ingutu bibangamiye iterambere n'uburenganzira by'abagore mu iterambere ry'Igihugu.
- Guhuriza hamwe ibitekerezo by'abagore no kubisesengura.

Muri uyu umwaka w'ingengo y'Imari wa 2022-2023, Inama y'Igihugu y'Abagore yashyize mubikorwa gahunda y'ibikorwa yihaye y'uyu mwaka, bimwe mu bikorwa byakozwe ni ibi bigaragara mu mbonerahamwe iri ku mugereka.

## IJAMBO RY'IBANZE



Inama y'Igihugu y'Abagore igenwa n'Itegeko no 02/2011 ryo ku wa 10/02/2011 ari naryo rigena imiterere, inshingano n'imikorere byayo, ikaba ifite Inshingano zikurikira:

1. **Ubukangurambaga**
2. **Kongerera abagore ubushobozi**
3. **Ubuvugizi**

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, Inama y'Igihugu y'Abagore yakoze ibikorwa bitandukanye bikubiye mu nkingi eshatu za Guverinoma (**Ubukungu, Imibereho myiza y'Abaturage n'Imiyoborere**). Inama y'Igihugu y'Abagore izakomeza kandi guharanira no gusobanurira abagore akamaro ndetse n'uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu.

Inama y'Igihugu y'Abagore ni umuyoboro wa gahunda z'iterambere ry'Igihugu cyacu. Turasabwa gushyiraho ingamba zifatika zirushaho kwihutisha iterambere ry'umugore binyuze mu kumufasha gukemura ibibazo ahura nabyo umunsi ku wundi harimo ihohoterwa, amakimbirne mu ngo, gutwita kw'abangavu, ubuzererezi, imirire mibi mu bana, isuku nke bikigaragara hirya no hino. Turasabwa gukora cyane no gukorera hamwe dufite intego kandi tukamenya guhitamo ibikorwa bizana impinduka ku buzima bw'abagize umuryango nk'uko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul KAGAME adahwema kubitwibutsa.

Inama y'Igihugu y'Abagore izakomeza ubukangurambaga bugamije kubaka Umuryango Ushoboye kandi Utekanye(**UUU**) aho tuzibanda mu gukumira ibibazo bibangamiye imibereho y'umunyarwanda. Izakomeza kongerera abagore n'abakobwa ubushobozi mu bukungu, mu mibereho myiza ndetse no mu miyoborere myiza, gukora ubuvugizi mu nzego zose zaba iza Leta ndetse n'iz'abikorera ku bibazo bicyugarije umuryango muri rusange n'umugore by'umwihariko.

Kugira ngo Inama y'gihugu y'Abagore igere ku ntego zayo bisaba gukorana n'inzego zinyuranye (**Leta, Sosiyete sivile, abikorera n'abandi**). Uruhare rw'Abafatanyabikorwa bose b'Inama y'Igihugu y'Abagore ni ntagereranywa mu kudufasha kugera ku nshingano twahawe.

Ibyo bidutera imbaraga n'ishyaka byo kurushaho gukora kugira ngo umugore akomeze kugira uruhare mu iterambere rirambye, himakazwa Ihame ry'Uburinganire n'ubwuzuzanye.

Tuzakomeza gufatanya mu kubaka ubushobozi bw'umuryango muri rusange n'ubw'umugore by'umwihariko, twubake u Rwanda twifuza.

**NYIRAJYAMBERE Belancille**
**Perezida w'Inama y'Igihugu y'Abagore**

## GUSHIMIRA



Inama y'Igihugu y'Abagore irashimira by'umwihariko Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Inzego zifite ibikorwa bigamije guteza imbere Ihame ry'Uburinganire n'ubwuzuzanye (**National Gender Machenery**) n'izindi nzego za Leta zaba iz'Ibanze ndetse n'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu, Komite z'Inama y'Igihugu y'Abagore kuva ku rwego rw'Umudugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu, ku ruhare rukomeye bagize mu bikorwa byakozwe n'Inama y'Igihugu y'Abagore. Inama y'Igihugu y'Abagore ntishidikanya kandi ko uruhare rwanyu ruzarushaho kwiyongera mu mwaka w'Ingengo y'Imari wa 2023-2024 mu bikorwa bizana impinduka nziza mu iterambere ry'Igihugu n'iry'umugore by'umwihariko.

Murakoze.

**KAMANZI Jackline**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore**

# INCAMAKE

Mu mwaka w'Ingengo y'Imari 2022-2023, Inama y'Igihugu y'Abagore ifatanyije n'abafatanyabikorwa yageze ku bikorwa binyuranye byari biteganyijwe byiganjemo ibishingiye ku bukungu, imibereho myiza n'imiyoborere. Ibikorwa byakozwe hagamijwe ubukangurambaga, kongerera ubushobozi abagore n'ubuvugizi ku bibazo bitandukanye bibangamiye abagore.

Muri iyi raporo haragaragaramo ibikorwa byakozwe n'Inama y'Igihugu y'Abagore kuva ku rwego rw'Umudugudu kugera ku rwego rw'Igihugu n'uruhare rw'abafatanyabikorwa. Raporo y'ibikorwa byakozwe bishingiye kuri gahunda z'Igihugu z'iterambere rirambye, ibikorwa byateganyijwe muri gahunda y'ibikorwa by'umwaka "**NWC Annual action plan 2022/2023**" bishimangira kandi ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (**NST1**) no ku nshingano z'Inama y'Igihugu y'Abagore (**Ubukangurambaga, Kongerera ubushobozi abagore n'abakobwa, no Gukora ubuvugizi ku bibazo bahura nabyo**).

**IBIKUBIYE MURI RAPORO**:

I. **Ibikorwa bitandukanye byakozwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023**

II. **Inama Rusange z'Inama y'Igihugu y'Abagore;**

III. **Ihuriro ry'abagore bari mu nzego z'ubuyobozi(RWLN);**

IV. **Kwizihiza Iminsi mpuzamahanga yashyiriweho umugore yizihizwa mu Rwanda; V. Imihigo ya Mutimawurugo**

## URUTONDE RW'IMPINE Z'AMAGAMBO

**MIGEPROF:** Ministry of Gender and Family Promotion

**AEE:** Anglican Evangelic Entreprise

**BDF:** Business Development Funds

**CNF:** Conseil National des Femmes

**DRB:** Diaspora Rwandaise de Belgique

**DUHAMIC:** Duharanire Amajyambere y'Icyaro

**Frw:** Franc Rwandais

**FXB:** Francois Xavier Bagnoud Rwanda

**GBV:** Gender Based Violence

**GMO:** Gender Monitoring Office

**MTN:** Mobile Telephone Networks

**MUSA:** Mutuelle de Santé

**NEP:** National Employment Program

**NST1:** National Strategy for Transformation

**NWC:** National Women's Council

**NYC:** National Youth Council

**IZU:** Inshuti z'Umuryango

**UWI:** Umugoroba w'Imiryango

**UUU:** Umuryango Ushoboye kandi Utekanye

**CECI:** Centre d'Etude et de Cooperation Internationale

**GAZ:** Liquefied Petroleum Gaz

**PSF:** Private Sector Federation

**EPR:** Eglise presbyterienne Au Rwanda

**APEFA:** Action for Environment Protection and Promotion of Agricultural Sector **ADRA:** Adventist Development and Relief Ageny

## IBIRIMO


**INTANGIRIRO .................................................. 2**
**IJAMBO RY'IBANZE .................................................. 3**
**GUSHIMIRA .................................................. 5**
**INCAMAKE .................................................. 6**
**URUTONDE RW'IMPINE Z'AMAGAMBO .................................................. 7**
**IBIRIMO .................................................. 8**
**I. IBIKORWA BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA .................................................. 9**
**W'INGENGO Y'IMARI WA 2022-2023 .................................................. 9**
**I.1. UBUKUNGU .................................................. 9**
**I.1.1. Ubukangurambaga .................................................. 9**
**I.1. 2. Kongerera abagore n'abakobwa ubushobozi .................................................. 9**
**I.1.3. ubuvugizi .................................................. 10**
**I.2. IMIBEREHO MYIZA .................................................. 10**
**I.2.1. Ubukangurambaga .................................................. 10**
**I.2. 2. Kongerera abagore n'abakobwa ubushobozi .................................................. 10**
**I.2.3. Ubuvugizi .................................................. 11**
**I.3. IMIYOBORERE .................................................. 11**
**I.3.1. Ubukangurambaga .................................................. 11**
**I.3. 2. Kongerera abagore n'abakobwa ubushobozi .................................................. 11**
**I.3.3. Ubuvugizi .................................................. 11**
**II. IHURIRO RY'ABAGORE BARI MU NZEGO Z'UBUYOBOZI .................................................. 12**
**III. INAMA RUSANGE Z'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE .................................................. 13**
**IV. KWIZIHIZA IMINSI MPUZAMAHANGA YAGENEWE UMUGORE .................................................. 14**
**IV.1. Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro 2022 .................................................. 14**
**IV.2. Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore 2023 .................................................. 16**
**V. IMIHIGO YA MUTIMAWURUGO .................................................. 18**
**V.1. Kugenzura no gusuzuma imihigo ya Mutimawurugo .................................................. 18**
**V.2. Uko uturere twakurikiranye mu kwesa imihigo ya Mutimawurugo .................................................. 18**
**VI. IMBOGAMIZI ZAGARAGAYE .................................................. 20**
**VII. ICYAKORWA .................................................. 20**
**VIII. UMUSOZO .................................................. 21**

**ANNEX: IMBONERAHAMWE IRIMO IBIKORWA BYAKOZWE MU TURERE NO MU MUJYI WA KIGALI MU MWAKA WA 2022-2023 .................................................. 22**

## I. IBIKORWA BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI WA 2022-2023

Ibikorwa by'ingenzi byakozwe n'Inama y'Igihugu y'Abagore bikubiye mu nkingi 3 za Guverinoma arizo:

### I.1. UBUKUNGU

#### I.1.1. Ubukangurambaga

- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko(NYC) hakozwe ubukangurambaga ku bagabo n'abagore 80,376 kuri gahunda ya NEP
- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko(NYC), abagore n'abagabo 65,289 bakanguriwe kujya mu matsinda n'amakoperative maze havuka amatsinda mashya 529 yo kubitsa no kugurizanya. Abanyamuryango 32,940 bo mu matsinda 761 bakanguriwe gukoresha ikoranabuhanga

#### I.1. 2. Kongerera abagore n'abakobwa ubushobozi

Inama y'Igihugu y'Abagore ku bufatanye n'Abafatanyabikorwa batandukanye hakozwe ibi bikurikira:

- ✞ Mu Turere twa Rusizi na Rubavu, amakoperative 42 y'abagore (**1,015 abanyamuryango**) bakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka, yatewe inkunga y'amafaranga y'u Rwanda angana na Miiliyoni ijana (**100,000,000 frw**) ahita akora **graduation**
- ✞ Ku bufatanye na BPR, CARITAS, hatanzwe telephone 383 zigezweho (smart phone) mu Turere twa Nyarugenge, Kicukiro, Nyagatare, Nyanza, Burera, Musanze, Gakenke, Rulindo na Gicumbi
- ✞ Ku bufatanye na MTN muri gahunda ya "*Connect Women in Busness*", amatsinda Amatsinda 17 agizwe n'Abagore 203 y'abagore yatewe inkunga
- ✞ Ku bufatanye na UN Women, APEFA, Compassion, Word Vision, Croix Rouge, Oxfarm, Care International, Green Gicumbi, Delague, imiryango 4,605 yahawe amashyiga agezweho azababafasha kurondereza ibicanwa no kubungabunga ibidukikije
- ✞ Ku bufatanye na RESONATE hahuguwe amakoperative y'Abagore 16 agizwe n'abanyamuryango 402 ku buryo bwo gucunga umutungo
- ✞ Ku bufatanye **Diaspora Rwandaise de Belgique, CCOAIB**, AKAGERA BUSINESS GROUP, imiryango 408 yahawe **GAZ (Liquefied Petroleum Gaz**) mu rwego rwo kurengera ibidukikije no kugabanya umwanya umugore akoresha atetse

- ✞ Ku bufatanye na Banki ya Kigali, abagore 20 bahawe Moto zitwara abagenzi, mu rwego rwo kuzamura imibereho yabo
- ✞ Ku bufatanye **UN Women** binyuze muri Profemmes Twese Hamwe, amakoperative 8 n'amatsinda 3 agizwe n'abanyamuryango 1007 yahawe igishoro

### I.1.3. ubuvugizi

- ✞ Inama y'Igihugu y'Abagore izakomeza gukorera ubuvugizi abagore mu rwego rwo kurushaho kuzamura iterambere ry'ubukungu.

## I.2. IMIBEREHO MYIZA

### I.2.1. Ubukangurambaga

- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC) hakozwe ubukangurambaga bwo kwigisha imiryango 71,425 uko bategura indyo yuzuye

### I.2. 2. Kongerera abagore n'abakobwa ubushobozi

- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (**NYC**) hubatswe imirima y'igikoni 48,846 mu rwego rwo kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana
- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze, APEFA, ADRA, hatewe ibiti 123,372 by'imbuto zihingwa mu rwego rwo kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana
- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (**NYC**) hakurungiwe amazu 22,666 y'abatishoboye mu rwego rwo kwimakaza umuco w'isuku
- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze, NYC imiryango 102 itishoboye yubakiwe inzu, imiryango 20,470 yubakiwe ubwiherero
- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze, NYC imiryango 26,402 yubakiwe kandagirukarabe ku bwiherero mu rwego rwo kwimakaza isuku
- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze, NYC imiryango 23,804 itishoboye yubakiwe ingarane
- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze, NYC, World Relief, imiryango 2,452 itishoboye yishyuriwe ubwisungane mu kwivuza(MUSA)
- ✞ Ku bufatanye n'inzego z'ibanze, PSF, Action Aid –Rwanda, C+R-Rwanda, FXB, Wihogora & Dufatanye Organization, Plan Rwanda, Rwamrec, World Vision, imiryango itishoboye yararemewe (Inka 818, Ihene 1094, Intama 129, Ingurube 265, Inkoko 3,769)

- ✞ Ku bufatanye na Marriot Hotel, Caritas, Imfura Foundation, EPR, LODA, abakobwa n’abagore 2,740 bigishijwe imyuga

**I.2.3. Ubuvugizi**

- ✞ Inama y'Igihugu y'Abagore izakomeza gukorera ubuvugizi abagore mu rwego rwo kurushaho kuzamura iterambere ry’imibereho myiza.

## I.3. IMIYOBORERE

**I.3.1. Ubukangurambaga**

- ✞ Inama y'Igihugu y'Abagore ku bufatanye n'Abafatanyabikorwa bakoze ubukangurambaga bunyuze mu kwizihiza iminsi mpuzamahanga yashyiriweho umugore ariyo: Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro wabaye taliki ya 15/10/2022, ubukangurambaga bw'iminsi 16 yahariwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa, Umunsi Mpuzamahanga w'umugore wabaye taliki ya 08/03/2023, kwibuka abagore n'abana mu Karere ka Ruhango mu Murenge wa Bweramana ahitwa kuri Duwani, Umunsi w’Umugore w’Umunyafurika kuwa 31/07/2022.
- ✞ Ku bufatanye n’inzego z’ibanze, **GMO** hakozwe ubukangurambaga ku miryango yabanaga idasezeranye maze imiryango 17,579 isezerana mu mategeko

**I.3. 2. Kongerera abagore n’abakobwa ubushobozi**

- ✞ Inama y’Igihugu y’Abagore yakoze igikorwa cyo gusuzuma imihigo ya MUTIMAWURUGO mu Midugudu Ntangarugero 416
- ✞ Ku bufatanye na **UN Women**, **CECI** hakozwe inama y’abagore 250 bari mu nzego z’ubuyobozi(RWLN) hanatangizwa AWLN Rwanda Chapter

**I.3.3. Ubuvugizi**

- ✞ Inama y'Igihugu y'Abagore izakomeza gukorera ubuvugizi abagore mu rwego rwo kurushaho kuzamura iterambere ry’imiyoborere myiza.

## II. IHURIRO RY’ABAGORE BARI MU NZEGO Z’UBUYOBOZI

Taliki ya 01 Werurwe 2023, mu cyumba cy’inama muri ***Intare Arena Conference***, habereye Ihuriro ry’abagore bari mu nzego z’ubuyobozi ku nsanganyamatsiko igira iti” ***Gutegura abagore b’abayobozi bejo hazaza***”. Umushyitsi mukuri yari Nyakubahwa Jeannette KAGAME, mu ijambo rye yashimiye abanyamuryango bagize iri huriro maze yongera kubibutsa ko batagomba kugira impungenge ku nshingano z’inyabutatu bafite (**Umubyeyi**, **Umurezi**, **Umuyobozi**) akomeza abakangurira gufatanya kugira ngo babashe kugera ku ntego imwe yo gukomeza ***gutegura abagore b’abayobozi bejo hazaza*** b’Igihugu. Mu gusoza ijambo rye yahise atangiza ku mugaragaro Urunana Nyafurika rw’Abagore b’Abayobozi (**African Women Leaders Network**).




***Nyakubahwa Jeannette KAGAME ageza ijambo ku bitabiriye Ihuriro ry’abagore bari mu nzego z’ubuyobozi***



*Abitabiriye ihuriro ry'abagore bari mu nzego z'ubuyobozi*

## III. INAMA RUSANGE Z'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE

Kuva ku rwego rw'Imidugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu hakozwe Inama Rusange iba rimwe mu mwaka nk'uko Itegeko rigenga Imiterere, Imikorere n'Inshingano by'Inama y'Igihugu y'Abagore ribigena. Nk'uko Itegeko rigena Imiterere, Imikorere n'Inshingano by'Inama y'Igihugu y'Abagore ribigena, Inama Rusange yo ku rwego rw'Igihugu yitabiriwe na:

- Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Igihugu
- Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali,
- Abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rwa buri Karere,
- Amakoperative y'abagore afite ubuzima gatozi ku rwego rw'Igihugu.




*Perezida wa CNF ageza ijambo ku bitabiriyr Inama Rusange ya 21 y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Igihugu*

## IV. KWIZIHIZA IMINSI MPUZAMAHANGA YAGENEWE UMUGORE

### IV.1. Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro 2022

Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro wizihijwe ku itariki ya 15 Ukwakira 2022, wabereye mu Karere ka Huye mu Murenge wa Kigoma, Akagali ka Musebeya, Umudugudu wa Nyarurembo ku kibuga cy'amashuri abanza ya Gishihe. Umunsi wizihijwe ku nsanganyamatsiko igira iti: *"**Iterambere ryumugore wo mu cyaro, inkingi y'ubukungu bw''gihugu**"*.

**Bimwe mu bikorwa byakozwe mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro:**

- Hatanzwe ibiganiro ku Nsanganyamatsiko y'Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro kuri **RC Huye**, **Radio&TV Izuba**, **Radio Isangano** (Rutsiro),
- Hatanzwe amatungo maremare n'amagufi (Inka 27, Ihene **122**, Ingurube **175,** Intama **25**, Inkoko **83,** Inkwavu **30**) mu rwego rwo gukomeza gufasha imiryango kwiteza imbere
- Hatanzwe amashyiga ya kijyambere 736 azafasha imiryango kurondereza ibicanwa mu rwego kurinda ibidukikije

- Abagore **789** bahawe amafaranga y'u Rwanda **9,424,950 Frw** y'igishoro mu rwego rwo kubafasha kuzamura ubucuruzi bwabo
- Hatashywe inzu 1 y'umuryango utishoboye yubatswe n'abagore ifite agaciro k'amafaranga 9,000,000 Frw, hasanwe inzu 55 z'imiryango itishofoye bifite agairo k'amafaranga y'u Rwanda **6,360,000 Frw**



*Nyakubahwa Minisitiri aremera imiryango ku Munsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro*




*Abitabiriye Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro*

## IV.2. Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore 2023

Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wizihirijwe mu Karere ka **Nyagatare**, mu Murenge wa **Nyagatare**, Akagali ka **Barija**, Umudugudu wa **Barija B.** Umunsi wizihijwe ku nsanganyamatsiko igira iti: *"**"Ntawe uhejwe: guhanga udushya n'ikoranabuhanga biteza imbere Uburinganire".***

Bimwe mu bikorwa byakozwe mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore:

- Hatanzwe ibiganiro ku Nsanganyamatsiko y'Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore kuri **Radio Huguka**, **Isango TV& radio**, **Radio Izuba**, **Radio Rusizi RC Huye**,
- Hasezeranyijwe Imiryango 2386 yabanaga muburyo butemewe n'amategeko
- Hatanzwe amafaranga y'u Rwanda **7,356,000** yo kwishyurira abaturage ubwisungane mu kwivuza
- Hatanzwe amabati 2500 afite agaciro k'amafaranga **22,500,000Frw**
- Hatanzwe amashyiga ya cana rumwe 3141 afite agaciro k'amafaranga **130,741,600Frw**
- Hatanzwe telefone zigezweho 383 zifite agaciro k'amafaranga **15,350,000Frw**



*Nyakubahwa Minisitiri w'ikoranabuhanga no guhanga usdushya (Umushyitsi Mukuru) ari kumwe na Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba*



*Abitabiriye Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore mu Karere ka Nyagatare*

## V. IMIHIGO YA MUTIMAWURUGO

Nk'uko bisanzwe muri uyu mwaka wa 2023-2023 imihigo ya Mutimawurugo yibanze ku "***Kugira Umudugudu Ntangarugero mu Murenge"*** hakorwa ibikorwa bigamije impinduka n'iterambere rirambye (NST1).

**Umudugudu Ntangarugero wa Mutimawurugo uba urangwamo ibi bikurikira:**

1. Amatsinda akoresha ikoranabuhanga, ibigo by'imari, amabanki, Saccos, MoMo…(Digital Literacy) mu kuzigama, kubitsa, no kuguza.
2. Abagore/Abakobwa bitabiriye kwiga Imyuga n'ubumenyingiro
3. Umuco w'isuku n'isukura wimakajwe mu miryango
4. Imiryango utarangwamo Imirire mibi n'igwingira ry'abana
5. Imiryango itarangwamo amakimbirane n'ihohoterwa
6. Imiryango yashyingiranwe ku buryo bwemewe n'mategeko

### V.1. Kugenzura no gusuzuma imihigo ya Mutimawurugo

Igenzura ku mihigo ya Mutimawurugo ryakozwe inshuro ebyiri mu mwaka, buri mezi atandatu, mu kwezi kw'**Ukuboza** n'Ukwezi kwa Kamena**.** Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023, isuzuma ryo mu kwezi kw'Ukuboza 2022 ryakozwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama y'Igihugu y'Abagore, naho igenzura ryo mu gihembwe cya kane muri Kamena 2023 ryakozwe na CNF ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.

### V.2. Uko uturere twakurikiranye mu kwesa imihigo ya Mutimawurugo

Igikorwa cyo gusuzuma uko Uturere twesheje imihigo ya Mutimawurugo mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, amanota yatanzwe ku rwego rw'Intara aba ariyo Inama y'Igihugu y'Abagore ishingiraho itanga ibihembo. Hatanzwe ibikombe na *Certificates* ku Turere 5 ni ukuvuga Akarere ka mbere muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali (**Gasabo**, **Ngoma**, **Nyaruguru**, **Rutsiro** na **Rulindo**), utundi Turere dusigaye twahawe *Certificates*.

| INTARA | NO | AKARERE | AMANOTA (%) |
|---|---|---|---|
| **IBURASIRAZUBA** | 1 | NGOMA | 96,7 |
| | 2 | RWAMAGANA | 96,3 |
| | 3 | BUGESERA | 92,5 |
| | 4 | GATSIBO | 90,7 |
| | 5 | KIREHE | 87 |
| | 6 | KAYONZA | 79 |
| | 7 | NYAGATARE | 75 |
| **IBURENGERAZUBA** | 1 | RUTSIRO | 96,4 |
| | 2 | NYAMASHEKE | 96,3 |
| | 3 | RUSIZI | 92,9 |
| | 4 | KARONGI | 92,5 |
| | 5 | NYABIHU | 90,7 |
| | 6 | RUBAVU | 90 |
| | 7 | NGORORERO | 86,2 |
| **AMAJYARUGURU** | 1 | RULINDO | 87,7 |
| | 2 | GICUMBI | 85,5 |
| | 3 | MUSANZE | 74,2 |
| | 4 | GAKENKE | 69,5 |
| | 5 | BURERA | 67 |
| **AMAJYEPFO** | 1 | NYARUGURU | 98 |
| | 2 | GISAGARA | 97,4 |
| | 3 | MUHANGA | 95,6 |
| | 4 | NYAMAGABE | 94,2 |
| | 5 | NYANZA | 93,9 |
| | 6 | HUYE | 90,4 |
| | 7 | RUHANGO | 90 |
| | 8 | KAMONYI | 89 |
| **UMUJYI WA KIGALI** | 1 | GASABO | 92 |
| | 2 | NYARUGENGE | 86 |
| | 3 | KICUKIRO | 76 |




*Minisitiri na Perezida wa CNF barikumwe n'Abahuzabikorwa bahagarariye Uturere twahize utundi*

## VI. IMBOGAMIZI ZAGARAGAYE

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, Inama y'Igihugu y'Abagore yahuye n'imbogamizi zitandukanye muri zo twavuga:

- Ingengo y'imari idahagije mu gukurikirana no guhuza ibikorwa by'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Turere
- Kudatangira ku gihe raporo z'ibikorwa byakorerwe mu midugudu, utugali, imirenge n'Uturere

## VII. ICYAKORWA

- Gukora ubuvugizi ku nzego bireba ku ngengo y'imari igenerwa Inama y'Igihugu y'Abagore ikongerwa.
- Gutanga amahugurwa y'Abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu ku rwego rw'Uturere n'Intara /Umujyi wa Kigali, ajyanye n'imitangire ya raporo
- Gukomeza kwigisha abagore kwihangira imirimo ibafasha kwivana mu bukene no kubatoza gukorana n'ibigo by'imari,

- Gukomeza gukora ubuvugizi mu bafatanyabikorwa mu gushakira abagore igishoro kibafasha gutangira no gukomeza imishinga yabo.

## VIII. UMUSOZO

Mu bikorwa byakozwe mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2022-2023, Inama y'Igihugu y'Abagore yibanze kuri gahunda ya Goverinoma y'imyaka irindwi nkuko bigaragara mu nkingi zayo (**Ubukungu**, **Imibereho myiza** n'**Imiyoborere**).

Inama y'Igihugu y'Abagore irashimira abafatanyabikorwa bayo ku bufatanye bagaragaje n'uruhare rwabo mu kubaka ubushobozi bw'umugore hagamijwe iterambere rirambye.

**KAMANZI Jackline**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore**

**ANNEX: IMBONERAHAMWE IRIMO IBIKORWA BYAKOZWE MU TURERE NO MU MUJYI WA KIGALI MU MWAKA WA 2022-2023**

| INKINGI ZA GUVERINOMA | | Igikorwa cyakozwe | Aho cyakorewe | Umubare w'abo igikorwa cyagezeho | | Umusaruro cyatanze | Abafatanyabikorwa | Icyong erwaho |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| UBUKUNGU | Ubukangura mbaga | | | GABO | GORE | | | |
| | | Hakozwe ubukangurambaga bwo kujya mu matsinda n'amakoperative yo kwizigama | Intara y'Amjyepfo, Iburengerazuba, Iburasirazuba | 44,134 | 77,700 | Havutse amatsinda mashya 529 yo kubitsa no kugurizanya | AEE, Care, FH, WFW, FVA, Action aid, Plan International | Ubukanguramb aga burako meje |
| | | Abagore bakanguriwe kwibumbira mu ma koperative | Huye, Muhanga, Ruhango, Kicukiro, Nyarugenge, Gasabo, Nyagatare, Gatsibo, Rwamagana, Kayonza, Ngoma, Kirehe na Bugesera | 1,339 | 11,947 | Bamenye ibyiza byo gukorera muri koperative bemera ko bagiye guhindura amatsinda barimo akabamo koperative | CNF, Abahagarariye koperative abagore + inzego zibanze | Ubukanguramb aga burako meje |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore bakanguriwe gahunda ya **NEP**, gukora imishinga iciriritse no gukora n' ibigo by' imari kwaka | | 31,427 | 48,949 | Abagore basobanukiwe n' akamaro ko gukorana n' ibigo by' imari kagura imishinga yabo bagateza imbere imiryango yabo | Uturere & Imirenge, BDF, BDE, CNF, SACCO, NEVER AGAIN -RWANDA | Ubukanguramb aga burako meje |
| | | Abagore bakanguriwe kwizigama muri Ejo heza | Mu Ntara y'Amajyepfo, kuva mu kwezi kwa 7/2022- 6/2023 | 159,96 3 | 201,940 | Abagore bashoboye kwizigama muri Ejo Heza amafaranga agera **1,463,186,507** | INZEGO Z'IBANZE & CNF | Ubukanguramb aga burako meje |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **Kongerera abagore n'abakobwa Ubushobozi** | Amatsinda y' abagore yafashijwe gukoresha ikoranabuhanga mu kubitsa no kubikuza | Intara y'Amajyepfo, Amajyaruguru, Iburasirazuba n'Iburengerazuba | 5,368 | 27,572 | *Amatsinda 378 yahise atangira gukoresha ikoranabuhanga *Amatsinda 383 yahawe telephone, *Abagore 5631 n'Abagabo 2744 bafunguje konti muri banki, | CNF, AEE, CARE INTERNATIONAL, FH, Women for Women, MTN, Airtel, Plan International, TROCAIRE, Actionaid Rwanda, FVA & Akarere | Gahunda irakomeje |
| | | Abagore bahawe ibikoresho nyuma yo kwiga imyuga abandi nabo bahabwa igishoro | Gisagara, Nyanza, Huye & Muhanga | 0 | 976 | Abagore 181 bahawe imashine abandi bagore 795 bahabwa igishoro cy'amafaranga 9,280,000 batangiye gukora | Akarere, LODA, RICH, SEVOTA, YWCA, Actionaid Rwanda,Wihogora | Gukomeza kubakurikirana |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **Ubuvugizi** | Hakozwe ubuvugizi abakobwa babyariye iwabo bari kwiga imyuga | Mu Turere twose | 0 | 441 | Bamwe bari kwiga imyuga itandukanye abandi bahawe igishoro bari gukora imishinga iciriritse ibyara inyungu | CNF, Akarere, LODA | Bahawe certificate |
| | | Hakozwe ubuvugizi ku matsinda y'abagore 4 n' amatsinda 2 y'abana basambanyijwe na cooperative y'abagore kugirango bazahabwe inkunga | Gisagara | 0 | 140 | Bahawe inkunga ingana na 30 .000.000 frw | CNF, Akarere, LODA | Gukomeza kubakurikirana |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **IMIBEREHO MYIZA** | **Ubukangura mbaga** | Ubukangurambaga ku kurwanya igwingira n' imirire mibi mu bana bato, hanubakwa imirima y'igikoni | Kamonyi, Muhanga, Huye, Gisagara na Nyaruguru, Nyagatare, Gatsibo,Rwamagana ,Kirehe, Ngomba, Kayonza, Bugesera, Rubavu, Rutsiro, Nyabihu, Ngororero, Karongi, Nyamasheke na Rusizi | 23,344 | 48,081 | Ababyeyi bagize ubumenyi mu gutegura indyo yuzuye birinda umubare munini w'abana kwinjira mu mirire mibi | CNF, Abajyanama b' ubuzima, HOPE FOR CHILDREN, FH, Urubyiruko n'abagore bo muri koperative | Gukom eza kubaku rikirana |
| | | Hakozwe ubukangurambaga ku isuku n'isukura hakorwa n'igenzura rusange ku isuku. Hatangwa n'ibikoresho by'isuku | Intara y'Amajyepfo, Iburengerazuba, Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali | 25,814 | 37,595 | Abaturage babigize umuco wo kunoza isuku kandi bamenye ko isuku ari isoko y'ubuzima binyujijwe mu gitondo cy'isuku | Cartas.Action Aid, RWAMLEC, Amadini n'amatorero, Abaturage, Koperative,CNF,NY C. | Ubukan guramb aga burako meza |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gukangurira abaturage kwitabira ubwisungane mu kwivuza | Muhanga, Nyanza | 18462 | 24031 | Ntabaturage bakirembera murugo ndetse n'impfu z'ababyeyi babyara n'abana zaragabanutse | CNF, inzego z'ibanze, Hope of family, FH, JAM | Ubukan guramb anga burako meje |
| | | Gukangurira abaturage kohereza abana ku ishuri, gusubiza mu ishuri abari bararivuyemo na gahunda yo kugaburira abana ku mashuri | Intara y'Amajyepfo, Iburengerazuba, Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali | 7,842 | 24,014 | Abana 265 basubiye mu ishuri n'ababyeyi bitabiriye gahunda yo kugaburira abana ku shuri | CNF, Koperative Ubuyobozi bw'inzego z'Ibanze, polisi | Ubukan guramb anga burako meje |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Hakozwe imiganda yihariye ya Mutimawurugo | Intara y'Iburasirazuba, Amajyaruguru | 52,737 | 42,981 | Mu miganda yihariye ya mutimawurugo hubatwe amazu 102 hasanwa amazu 19 hubatswe n'Ubwiherero 3082 hasanwa 64. | CNF,NYC, INZEGO Z'IBANZE | Igikorwa kirakomeje |
| | **Kongerera abagore Ubushobozi** | Kuremera imiryango itishoboye ihabwa amatungo magufi n' amaremare | Intara y'Amajyepfo, Amajyaruguru, Iburasirazuba, Iburengerazuba | 1,783 | 6,744 | Hatanzwe: *Inka 818, *Ihene 1094, *Intama 129 *Ingurube 265, *Inkoko 3,769 *Inkwavu 2. Byabahaye ubushobozi bwo kubona ifumbire | CNF, Uturere, Abaturage, PSF, Action Aid -Rwanda, C+R-Rwanda, FXB, WIHOGORA & DUFATANYE Organization PLAN RWANDA, ETI Nyakabingo, Rwamrec, World | Igikorwa kirakomeje |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | no kurwanya imirire mibi mu miryango yabo. | Vision, RNADW, Amacoperative y' abagore, Amadini n' amatorero, ACTION AID, Pro-femmes twese hamwe, ACKWOS,Rwanda Women Network | |
| | | Abagore bahagarariye ingo bahawe gaz muri gahunda ya Nkunganire | Intara y'Amajyepfo, Umujyi wa Kigali | 127 | 281 | Babonye uburyo bwo guteka butangiza ibidukikije kandi bibagabanyiriza imirimo ivunanye idahemberwa | CNF, Akarere, Abanyarwandakazi baba mu gihugu cy'Ububirigi(**DRB**), Tahacel Company Ltd | - |
| | | Abagore bahawe rondereza mu rwego kubafasha kugabanya ibicanwa | Gisagara, Huye, Nyaruguru na Muhanga | 1112 | 3403 | Babonye uburyo bwo guteka butangiza ibidukikije kandi bibagabanyiriza | CNF, Akarere, Plan, TROCAIRE, YWCA | - |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | imirimo ivunanye idahemberwa | | |
| | | Abagore n'Abakobwa bigishijwe imyuga n'ubumenyingiro | Intara y'Amajyepfo, Iburasirazuba, Amajyaruguru | 0 | 2,740 | Abagore n'abakobwa bajyanywe kwiga mu mashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro | CNF, Akarere, LODA | Gukomeza gufasha abakeneye kwiga |
| **IMIYOBORE RE MYIZA** | **Ubukangura mbaga** | Ibiganiro ku kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina(**GBV**) binyuze mu mugoroba w' imiryango | Mu Gihugu hose | 52,023 | 153,355 | Abaturage bamenye amategeko abarengera ndetse banasobanukirwa uruhare rwa buri wese mu kwirinda ihohoterwa hagamijwe kubaka Umuryango Ushoboye kandi Utekanye(**UUU**) | CNF, Inzego z'ibanze, Urubyiruko rw'Abakorerabushake, IZU | Ubukangurambaga burakomeje |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | *Imiryango **3,616** yavuye mu makimbirane | | |
| | | Hakozwe ubukangurambaga ku miryango ibana itarasezeranye mu mategeko | Mu Gihugu hose | 27,850 | 33,249 | Imiryango **17,579** yarasezeranye | Inzego z'Ibanze,**GMO** | Ubukangurambaga burakomeje |
| | | Hakozwe ubukangurambaga bw' iminsi 16 yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Mu Gihugu hose | 54,807 | 64,606 | Abaturage basobanukiwe akamaro ko kurwanya ihohoterwa mu muryango no kugira uruhare mu kurikumira | Inzego z'Ibanze, RWAMREC, PROFEMME, RICH, COMPASSION INTERNATIONAL, SFH, NYC, AEE,FVA/ENABLE, DUHAMIC ADRI, ACTION AID, CARITAS, TUBIBE AMAHORO, MIGEPROF | Ubukangurambaga burakomeje |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **Kongerera abagore n'abakobwa Ubushobozi** | Hizihijwe iminsi mpuzamahanga yashyiriweho umugore | Mu Gihugu hose | 47,208 | 103,224 | Abagore bishimiye ibyo bagezeho biha n' ingamba yo gukomeza mu | Inzego z'Ibanze, FXB RWANDA AVSI, COOPEDUPLC DUTERIMBERE ONG - EMPOWER RWANDA | - |
| | | **(15/10/2022 na 08/03/2023)** | | | | rugamba rw' iterambere bakoresha ikoranabuhanga | RWAMREC, CROIX ROUGE, PROFEMME, RICH, TROCAIRE HUMANITY &INCLUSION, APEFA, COMPATION, WORD VISION, OXFARM, CARE INTERNATIONAL, GREEN GICUMBI,Delague | |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Kwibuka abagore n'abana bazize jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 | Mu Gihugu hose | 17,450 | 24,114 | Abarokotse jenoside baregerewe bafatwa mu mugongo, hanagarukwa ku mateka mabi agomba kwirindwa mu rwego rwo gusigasira ubumwe bw'abanyarwanda | Inzego z'Ibanze, MIGEPROF | - |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Inama zose za CNF ziteganywa n'Itegeko zarakozwe:<br><br>***Inama ya Biro**<br>***Inama ya Komite Nyobozi**<br>***Inama Rusange** | Mu Turere twose n'Umujyi wa Kigali | - | - | Haganiriwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa bya CNF **2021 -2022**, banarebera hamwe ibikorwa bizakorwa na CNF mu mwaka wa **2023-2024** | CNF , Akarere | Inama zitabiri we ku gihe |